ASTRIDA
2436

Astrida 11/9/56

3724 / A.I.

Monsieur le Directeur du Service
des A.I.M.O.
USUMBURA

Aff. MUGARURA
c/ GAKUNZI

Monsieur le Directeur,

Comme suite à votre lettre nº 211/3.415 du 9/8/56, j'ai l'honneur de vous faire savoir que les deux plaintes de MUGARURA que vous m'avez transmises par votre lettre nº 2II/I.062 du 7/3/56 sont relatives à une seule affaire ayant pour origine la constatation d'un manquant à charge de Mugarura vendeur au service de GAKUNZI.

Le Tribunal de Chefferie avait condamné Mugarura à la restitution du manquant. Le Tribunal de Territoire ayant confirmé passa à l'exécution du jugement soit la vente de deux têtes de bétail et d'un vélo.

C'est cette exécution qui fait l'objet de la première plainte.

Mugarura a ensuite interjeté appel au Tribunal du Mwami qui se récusa étant donné l'expiration des délais légaux.

C'est ce qui fait l'objet de la seconde plainte. La dette de 14.000 Frs dont il parle dans cette seconde plainte correspond approximativement au manquant déterminé par le Tribunal de Territoire soit II.77I Frs plus 936 Frs de frais du Tribunal de Territoire plus les frais du Tribunal de Chefferie.

Je vous transmets en annexe copie du jugement nº 3774 rendu par le Tribunal de Territoire.

Pour l'Administrateur de Territoire,
L'Administrateur Territorial Assistant GILLET A.

R.JB/

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.

RUANDA-URUNDI GEBIED

23.8.56

4001/A.I.

USUMBURA, le 9 AOUT 1956.-

(¹) N° 211/ 3.415.-

A Monsieur l'Administrateur de Territoire

de et à

ASTRIDA.-

Réf. n° :

Annexe / Bijlage :

Objet / Voorwerp :

Dossier MUGARURA.-

Sous couvert de Monsieur le Résident du Ruanda
à KIGALI.-

Monsieur l'Administrateur de Territoire,

Comme suite à votre lettre nº 2828/A.I. du 16 Juillet 1956 et me référant à la mienne nº 211/1.062 du 7 mars 1956, vous transmettant deux plaintes de Mugarura, je vous saurais gré de vouloir bien me faire savoir si les plaintes en question sont relatives à une seule et même affaire, ce que semble indiquer votre nº 2.446/A.I. du 18 Juin 1956.-

Je vous signale également qu'aucune copie du jugement nº 3774 rendu par le Tribunal de Territoire, n'était jointe à cette dernière correspondance.

POUR LE DIRECTEUR DES A.I.M.O.
LE CHEF DU Ier BUREAU a.i.
R. JANSSENS.-

(¹) Rappeler dans la réponse la date et le numéro — In het antwoord nummer en dagtekening vermelden.

R.H.
RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE D'ASTRIDA
TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI

RUANDA-URUNDI GEBIED

Astrida, le 16 juillet 1956
, de

(1) N° 2828 /A.I.

Réf. n° :

Annexe
Bijlage :

Objet
Voorwerp :

Affaire MUGARURA c/
GAKUNZI.-

Monsieur le Vice-Gouverneur Général
Gouverneur du Ruanda-Urundi
à
U S U M B U R A.-

Sous couvert de Monsieur le Résident du Ruanda
à
K I G A L I.-

Monsieur le Vice-Gouverneur Général,

Suite à votre lettre n°211/03806/2738 du 3 juillet 1956, j'ai l'honneur de vous transmettre en annexe à la présente en français et en kinyarwanda la lettre du chef MBANDA concernant l'exécution du jugement rendu par le tribunal de Territoire d'Astrida dans l'affaire MUGARURA c/ GAKUNZI.

Pour l'Administrateur de Territoire, en congé
L'Agent Territorial Principal,
E. LENOIR.

(1) Rappeler dans la réponse la date et le numéro — In het antwoord nummer en dagtekening vermelden.

A.I./-

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.

RUANDA-URUNDI GEBIED

Usumbura, le / de -3.VII.1956

(¹) Nº 211/ 05806 /2.788

12.7.56
3246/A.I.

AJ.

Réf. nº :

Annexe / Bijlage :

Objet / Voorwerp :

A Monsieur l'Administrateur de Territoire
de et à
<u>A S T R I D A.</u>-

Affaire Mugarura c/
Gakenzi.-

S/c. de Monsieur le Résident du Ruanda à <u>KIGALI</u>.-

Monsieur l'Administrateur de Territoire,

Me référant à votre lettre nº 2.436/A.I. du 18 juin 1956, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance que la lettre du Mwami RWANDA concernant l'exécution du jugement rendu par le Tribunal de Territoire d'Astrida dans l'affaire Mugarura c/ Gakenzi n'était pas jointe à votre précitée.

En conséquence, je vous serais gré de vouloir bien me la faire parvenir.

POUR LE VICE-GOUVERNEUR GÉNÉRAL,
GOUVERNEUR DU RUANDA-URUNDI,
p.o.
POUR LE DIRECTEUR DES A.I.M.O.,
LE CHEF DU Ier BUREAU,

H. GUILLAUME.-

(¹) Rappeler dans la réponse la date et le numéro — In het antwoord nummer en dagtekening vermelden.

-.K.H.- RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI

RUANDA-URUNDI GEBIED

ASTRIDA le , de 18 Juin 1956.-

(1) N° 2.446/A.I.

Réf. n° :

Annexe
Bijlage :

Objet
Voorwerp :

A Monsieur le Vice-Gouverneur Général
Gouverneur du Ruanda-Urundi
à USUMBURA.-

Dossier Mugarura.

s/c. de Monsieur le Résident du Ruanda à KIGALI.-

Monsieur le Vice-Gouverneur Général,

Suite à votre lettre n° 05246/2110 du 2 août 1955, j'ai l'honneur de vous faire parvenir copie du jugement n° 3774 rendu par le Tribunal de Territoire dans l'affaire Mugarura c/Gakunzi. Voici d'ailleurs le résumé de cette affaire.

17.11.52 - Mugarura perd sa palabre au Tribunal de chefferie.
1.10.53 - Mugarura est débouté pour la même affaire par le Tribunal de Territoire d'Astrida.
14. 6.55 - Mugarura va en appel au Tribunal du Mwami pour la même affaire, mais cette juridiction ne veut pas connaître de son affaire pour expiration des délais d'appel.
En 1956 : Mugarura veut introduire une nouvelle plainte au Tribunal de Chefferie du Nyaruguru, en faisant état d'un B.P. de 7.495 francs, mais ce Tribunal se refuse de connaître d'une affaire déjà jugée.
12.5.56 - Il tente d'introduire son affaire au Tribunal de Territoire, mais celui-ci se récuse pour la même raison que le Tribunal de Chefferie.

Veuillez trouver en annexe la lettre du Chef MBANDA, concernant l'exécution du jugement rendu par le Tribunal de Territoire.

L'Administrateur de Territoire,
W. ANTONISSEN.,

(1) Rappeler dans la réponse la date et le numéro — In het antwoord nummer en dagtekening vermelden.

M.P./-

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.
-o-

Usumbura, le -9. VI 1956

N° 211/ 05136 /2.497

OBJET :

Dossier MUGARURA.-

Sillet

TROISIEME RAPPEL.

14.6.56
2715/A.I.

A Monsieur l'Administrateur de Territoire
de et à
A S T R I D A.-

S/c. de Monsieur le Résident du Ruanda à KIGALI.-

Monsieur l'Administrateur de Territoire,

J'ai l'honneur de rappeler à votre bonne attention ~~XX XXXXXX~~ mon transmis n° 211/ 5246 / 2.110 du 2 août 1955 et vous saurais gré de bien vouloir y réserver une suite urgente.

Hy. annexer

rien annexer du tout !!!
le dossier était primitivement
de "Attend réponse" encore
avant mon départ.
Suite au nettoyage il n'y a plus.
R. dinanele f.
(Je suis à Jikongoro)

POUR LE VICE-GOUVERNEUR GENERAL,
GOUVERNEUR DU RUANDA-URUNDI,

p.o.

POUR LE DIRECTEUR DES A.I.M.O.,
LE CHEF DU Ier BUREAU,

H. GUILLAUME.-

-J./L./-
TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.

OBJET :
=====
Dossier MUGARURA.

2 MAY 1956

Usumbura, le
N° 211/ 03821/1.841.

DEUXIEME RAPPEL.

8.5.56
2050/A.I.

A Monsieur l'Administrateur de Territoire
de & à
ASTRIDA.

Monsieur l'Administrateur de Territoire,

J'ai l'honneur de rappeler à votre bonne attention ma lettre n° 211/1043/477 du 3 février 1956 et vous saurais gré de bien vouloir y réserver une suite urgente.

POUR LE VICE-GOUVERNEUR GENERAL,
GOUVERNEUR DU RUANDA-URUNDI,
p.o.
Pr. LE CHEF DU SERVICE DES A.I.M.O.,
&&&&&&&&&&&&.
LE CHEF DU 1er BUREAU,
H.GUILLAUME.

RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE D'ASTRIDA

Astrida, le 25 avril 1956.

IMPAMVU:

Mugarura c/Gakunzi.

N° 665/A.I.

UKWIBUTSA.

Kuli Chef [illegible]

Ndakwibutsa urwandiko rwanjye n° [illegible]/A.I. nakwohererejeje ku munsi wa 14 aprili 1956. Ndashaka kusabona igisubizo cyawe ku munsi wa 28 aprili 1956. umenyeshe n'impamvu yakubujije gusubiza. Niba kandi uzi ko washubije unyohereraze copie y'urwandiko rwashubije.

L'Administrateur de Territoire,

[illegible]

TERRITOIRE D'ASTRIDA.
CHEFFERIE DU NYARUGURU.

RUNYINYA, le 19.4.1956.

Nº 248.56/T.I .

/ TRADUCTION.-/

**OBJET:**
Affaire Mugarura c/Gakunzi.

A Monsieur l'Administrateur de Territoire

à A S T R I D A .-

Monsieur l'Administrateur ,

J'ai l'honneur de porter à votre connaissance me référant à votre lettre nº 591/A.I. du 14 avril 1956, relativ à l'affaire du nommé Mugarura c/Gakunzi, qui s'est plaint à Monsieur le Vice-Gouverneur Général ,Gouverneur du Ruanda-Urundi. Le Tribunal qui a procédé à l'exécution d'un jugement sur ces biens est le Tribunal de Territoire, suivant jugement nº 2844. Cette exécution a porté sur une vache, un taurillon et son vélo. Le produit de la vente s'éleva à 3.900 pour les deux têtes de bétail, tandis que son vélo fut vendu pour la somme de 1.500 francs. Son isambu (propriété) n'a jamais été inquiétée.

Le Chef de Chefferie ,MBANDA,H.,
p.o.
Le Secrétaire -Comptable,
sé/- RUTAGENGWA.-

Territoire y'AStrida

Chefferie NYARUGURU

nº 248.56/T.I

Impamvu:

Urubanza rwa Mugarura

na Gakunzi .

p examiner

Runyinya le I9.4.56

Kuli Bwana Administrateur utegeka Territoire

A S T R I D A,-

Bwana Administrateur,

Ndabamenyesha nkurikij'ibarua yanyu ya nº 59I/A.I ya tariki I4.4.56 yabazaga iby'umuntu witwa Mugarura wagiye kuregera Bwana Mburamatari wa Ruanda-Urundi,

Ndabamenyesha ko Urukiko rwa gurishij'ibintu bye, Ali Urukiko rwa Territoire nû rwa Chefferie,rwagurishije k'urubanza Nº.........inka I n'ikimasa n'igare rye,inka,I300 Frs igare I500 Frs Urukiko rwa Territoire Astrida rwagurishije inka yali yatsindiwemo 2.660 Frs Isambu ye ntiyaguzwe,

Nijye Umutwale w'Intara M B A N D A .H

P . O Secrétaire Comptable [signature]

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA,le 14 Avril 1956.-

Nº 591/A.I.

IMPAMVU:
Urubanza rwa Mugarura
na Gakunzi.

665

Ku Mutware w'Intara MBANDA.

Ndakumenyesha ko umuntu witwa Mugarura w'i Mbasa muli Nyaruguru yandikiye Bwana Mburamatari wa Ruanda-Urundi amubwira ko Urukiko rwamufatiye inka eshatu rukazitanga, kandi rukamugurishiriza n'isambu. Ndifuza ko ku wa gatatu umunsi wa 18.4.1956 uzamenyesha :

Urukiko rwagurishije ibintu bye n'uruhe ?

Uwatwaye inka ze ninde ?

Ninde waguze isambuye ?

Byose byatewe n'iki kugirango bigurishwe,urubanza rwabigurishije n'uruhe ?

Uzanyoherereze igisubizo cyawe kuli uwo munsi nkubwiye.

L'Administrateur de Territoire,
W.ANTONISSEN.,

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDa,le 14 Avril 1956.-

Nº 591/A.I.

IMPAMVU:
Urubanza rwa Mugaruta
na Gakunzi.

Ku Mutware w'Intara MBANDA.

Ndakumenyesha ko umuntu witwa Mugarura w'i Mbasa muli Nyaruguru yandikiye Bwana Mburamatari wa Ruanda-Urundi amubwira ko Urukiko rwamufatiye inka eshatu rukazitanga, kandi rukamugurishiriza n'isambu. Ndifuza ko ku wa gatatu umunsi wa 18.4.1956 uzamenyesha :

Urukiko rwagurishije ibintu bye n'uruhe ?

Uwatwaye inka ze ninde ?

Ninde waguze isambuye ?

Byose byatewe n'iki kugirango bigurishwe,urubanza rwabigurishije n'uruhe ?

Uzanyohererereze igisubizo cyawe kuli uwo munsi nkubwiye.

L'Administrateur de Territoire,
W.ANTONISSEN.,

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA, le 13 Mars 1956.-

N° 117 /A.I.

OBJET:
Kuzaza kwitaba.

Kuli MUGARUKA
Umusozi Mbasa
Intara NYARUGURU.-

Ndakumenyesha ko utegetswe kuzaza kunyitaba ku wa mbere umunsi wa 19.3.1956 saa munani ufite n'amatoleo yawe y'urubanza waburaniye mu rukiko rwa Territwari.Urwo rubanza warujuliriye mu rukiko rw'Umwami hanyuma barwangira ko rwakererewe.

Pour l'Administrateur de Territoire, en route,
L'Administrateur Territorial Assistant,
A. GILLET.,

N° 3774.

| Urega | Uregwa | Impamvu |
| --- | --- | --- |
| MUGARURA<br>Mbasa<br>Nyaruguru | GAKUNZI<br>Ndago<br>Nyaruguru | Amafranga 7.841,25 |

---

MUGARURA

Ati icyo njulirira, nalimukozi wa Gakunzi nkora mu iduka rye, bukeye muha amafranga 7.295 avuye mu bintu byali mu iduka ; bukeye aje kumbalira asanga mpomba amafranga 550, hali mu kwezi kwa 10 muli 1952, aliko we akavuga ko mpombye amafr.2.900. Ndamuhakanira njya kubalisha mu bandi, basanga ngomba kwishyura amafr.550. Akomeza kunyaka 2.900, ndamuhakanira, umuhaye imfunguzo z'amangazini, arazanga ngo kereka mbanje kuliha ibye. Bucye ajya kundega kwa Chef ; agarutse agambana na s/chef Rucyahana, baramfata, banjyana kwa Kayihura. Tugeze kwa Kayihura, aduha abantu bajya kubara ibintu mu mangazini, aliko b'i Ndago. Abantu bagiye kubara basanga mpombye 7.844,75 frs. kuko n'ibyo nali naragemuye, 7.295 frs., abo bageze aho Gakunzi akabihakana.Ubwo tuza kuburanira muli chefferie bavuga ko ansinze, bafata inka zanjye ebyili n'igare bamuliha amafranga ye.
None mumumbarize icyatumye andihisha amafranga namuhaye.
Nkabeshya, Umwami mba muroga.

GAKUNZI.

Ati ku itariki ya 1.10.52 nagiye kubalira Mugarura nsanga yahombye amafranga 2.841 ; mbimubwiye arabihakana, muha umwanya wo gusubiramo ngo abalishe n'abandi ; amara iminsi 2 abisulishamo, aliko akora. Agarutse ntiyagira icyo ansubiza, cy'uko alibyo bihomba koko, ahubwo mili iryo joro anyiba imifuka 3 ya kawa, inyenda y'amabara mindi y'imikara ya gitani ; bukeye ku cyumweru ndamubura ntiyaza gukora, aza kuwa mbere mu gitondo yicara ku ibaraza ry'iduka rya Munyambo ; ndamuhamagara, mubaza igituma adakora, ansubiza ko adashaka gukora ; mubwira ko akingura akampa ibintu byanjye, nkabiha undi ubikoresha, avuga ko azakingura haje Bwana Commissaire. N'abandi banyamaduka baramubwira ngo akingure, aranga Njya kubibwira urukiko rwa chefferie, bambwira ko badashobora kutuburanisha, ngo nzabibwire chef. Bukeye chef aza i Ndago mu gitondo, ndabimubwira, amutumije, Mugarura aracika ajya Astrida.
Bukeye agarutse, azana igare rishya, mubonye mbwira s/chef Rucyahana kumufata, undi aramucika yigira Astrida ; mbimenye ndamukurikira, nabwo ngeze Astrida,nsanga yagarutse i Ndago ; nongeye kugaruka, musanga i ndago, mbwira s/chef Rucyahana aramufata, kuko Bwana Commissaire yali yanshubije ko mufata. Rucyahana amwohereza kwa Commissaire ; tugeze kwa Kayihura, Mugarura aranga ngo kereka abanje aho Chef ali. Dusanga Chef i Mata, mubwira uko byagenze, uko yahombye kandi akankingira iduka Ubwo chef amubaza ko atemeye kunsubiza ibintu byanjye, arabimwemerera aliko avuga ko ashaka ko bakingura ahali, kuko Mugarura ali umunyamahane Chef yandika abajya kubara, aliwe ubivugiye kuko yali yanze sous-chef. Tugeze mu mangazini akinguye, mbura imifuka 3 ya kawa nsanga n'inyenda y'amabara n'imikara yalimo idahali,; mbobwira abo, abyumvise ariruka. Mukurikiye bukeye musanga mu rukiko, noneho turaburana. Murega amafr. yali yahombye 2.841, n'uko yali yankingiye inzu, na 6.730 frs. nalu namuhaye yo kugura kawa. Urukiko ruduha urwandiko rwo gukingura amangazini, rwandikiye Rucyahana ngo bamenye ibibuze. Basanga habuze 7841,25 frs uretse ibyo nali namuhaye kugura kawa. Tugarutse mu rukiko, bavuga ko kawa nyitsindiwe, nanjye mutsindira 7.841,25 frs. Ntiyabimpa, koretse 2.800 frs urukiko rwampaye, bigurwa igare rye, n'inka imwe n'akamasa kayo.

Nkabeshya, Umwami mba muroga.

IBIBAZO.

Mugarura bati : Kuva aho Gakunzi abariye akavuga ko uhombye 2.841 frs hali ubwo wongeye kwinjira muli iryo duka ? Ati ntabwo yongeye kuryinjiramo. Bati aho avugiye ko uhombye 2841 nawe ukajya kubalisha mu bundi, bakagaruts abo basubira gukora inventaire akuko Gakunzi yali yayikoze babona kuvuga ko akubeshyera ? Ati barebye imibare yali yakozwe ne, basanga yakosheje. Bati hali icyo abo bagiye kumwereka kuko yali yakosheje iyo mibare ? ati ntibagiye kubimwereka kuko hali ninjoro, naho bukeye yagiye kurega. Bati aho Chef abahereye abantu bajyá kubara, basanze habuze amafranga angahe ? ati basanze 7.841,25 frs. Bati ubwo bamaze kuvuga ko ali 7.841,25 frs. hali icyo waberetse ko wagemuye mbere 7.295 frs kandi bakayabalira mu bindi ? Ati nararuheretse Gakunzi ararwanga, batubwira ko tuzarwereka urukiko. Bati kuli ayo wali wagemuye uyafitiye reçu ? Ati ndayifite. Bati aho baboneye ibibuze, abali bahali, Gakunzi nawe mwashyizeho signatures zanyu ? Ati twazishyizeho twese. Bati kuki washyizeho signature yawe, kandi uzi ko utahombye ayo mafranga yose ? Nta gisubizo.
Bati ubonye yanze infunguzo hali icyo wabwiye abantu kugirango ubumvishe ko yanze kuzitwara kandi ibintu byе byuzuye ? Ati ntabo nabwiye. Bati abantu bagiye kubara basabwe nande kandi ninde wabavuze ? Ati ni jye wavuze amazina yabo nifuza ko bajya kubara. Bati abo sibo bababze hali abandi babajemo? Ati ntabandi. Bati urahakana ko nta kawa wagaluraga Gakunzi kandi umukolera mu iduka ? Ati narazimuguliraga. Bati muli 1952 hali agapapuro yaguhaye ko kugura kawa ? Ati yarayampaye. Bati muli uwo mwaka hali kawa wamuhaye ? Narayimuhaye, kereka muli uko kwezi kwa 10 nali narangije amafranga nta yandi yanshubije, ubwo nta rupapuro nali ngifite rwa reçu kuko iyo nazimuhaga yampaga amafranga.
(Bati waherukaga kugura kawa kwawe ryali ? Ati mu kwezi kwa 8.1952)

Gakunzi bati hali ibimenyetso ufite by'uko wamuhaye amafranga yo kukugulira kawa ? Ati ndabifite. Bati ko avuze ko wamuhaga amafranga ya kawa mukandikirana, siko byagenze ? Ati siko byagenze ntitwandikiranaga. Bati tubonere ibimenyetso by'uko wayamuhaga, kuko abihakana. Ati ikimenyetso ni uko umunsi tubalira yali afite imifuka 3.

Babaza Mugarura bati kuva mu kweżi kwa 9 hali ikawa wigezwe kubitswa n'undi ? Ati nta wigeze kuzimbitsa ngo nzishyire mu mangazini ya Gakunzi.

Gakunzi bati urahamya ko mu kwezi kwa 9 n'ukwa 10 yaguze kawa ? Ati n'umunsi ndaye ndibumubalire yaguze kawa n'abarundi, n'abandi barabizi, imifuka ibili.

Mugarura bati kuva mu kwezi kwa cyenda kugeza mu kwa cumi nta kawa Gakunzi yaguze ? Ati mu kwa 9 ntiyaziguze, mu kwa 10 niho yaziguze, aliko atira umunzani kuko uwe wali ufunziye mu mangazini.

Gakunzi bati Kawa zabaze ryali ? Ati nabibonye aho abantu boherejwe na Kayihura baziye. Bati ujya kubara, kawa wazibariye mu bindi ? Ati sinazibariye mu bindi. Bati kuva ubwo iyo ubonye iyo mifuka itatu hali ubundi wongeye kwinjira mu mangazini ? Ati nta bundi ninjiye.

---

Tarki 13.8.1953.

Abacamanza bagiye ku musozi Ndago kubaza abantu, kugirango bamenye niba kawa Gakunzi aregera Mugarura yarazitwaye koko. Babajije NDAGIJIMANA bavuga ko yabikijwe izo kawa.

1) Ndagijimana arahiye Umwami ko atabeshya.
Bati : natwigeze kukubitsa kawa undi mwaka ? Ati ntawe. Bati ntacyo wigeze kumva cy'uko Gakunzi yibwe kawa ? Ati Mugarura ataraburana na Gakunzi numvise yuko yali yahombye ibintu byo mu iduka, aliko ntacyo numvise ko yali yahombye kawa, ibya kawa nabyumvise mu rubanza.

2) KABAHAYA arahiye Umwami ko atabeshya.
Bati wamenye ute ko ikawa zali iza Gakunzi ? Ati ni abakozi banjye bajyaga bugama kwa Ndagijimana bakahasanga kawa, bambwira ko afite imifuka ibili. Bukeye azimbuzaho ashaka kuzihuguza Mugarura ngo aziguliré, kuko yali yazibye. Cyakora twigeze kubiganira n"abo bakozi ko izo kawa ali inyibano, aliko urukiko rubabajije bifrahakana kuko ali abaturanyi ba Ndagijimana.

3) KAYITANA arahiye Umwami ko atabeshya.
Bati Gakunzi ajya kubalira Mugarura ntiwali uhali ? Ati sinali mpali. Bati muli iyo minsi yamubaliraga, hali kawa Mugarura yali yacuruje mbere cyangwa nyuma ? Ati yazicuruzaga igihe cyose aliko sinibuka niba muli iyo minsi yali azifite. Bati : bamaze kumubalira Mugarura ntabwo yakomeje infunguzo ? Ati yazimaranye iminsi itatu, no hanyuma yanze kuzitanga avuga ko hazakingurwa na Bwana Commissaire.

4) HARERIMANA umukozi wa Munyambo mu iduka libangikanye n'irya Gakunzi: Bati umunsi Gakunzi atangira kubalira Mugarura walu uhali ? Ati nali mu iduka ryanjye, aliko numvise Gakunzi avuga ko ahombye. Bati ubwo Mugarura yarabyemeye ? Ati ntiyabyemeye. Bati hali kawa Mugarura yali yaguze ubwo mbere yo kumubalira ? Ati uwo munsi yali yaguze imifuka ibili. Bati aho bafungiye amangazini iyo mifuka yatwawe nande Ati sinzi uwayitwaye cyangwa ko batayifungiye mu mangazini. Bati uwo munsi infunguzo zatwawe nande ? Ati na Mugarura kuko atemeraga ko yahombye byose. Bati aho bakinguliye amangazini hali icyo bavuze kerekeye kawa ? Ati Gakunzi yavuze ko kawa zibuze.

5) BUTEGANO
Bati : Gakunzi abalira Mugarura wali uhali ? Ati nali mpali ni na ni nanjye wandikaga. Bati ubwo hali kawa zali zihali ? Ati hali imifuka ibili. Bati mwazibaliye mu bindi ? Ati ntabwo. Bati abanyarukiko baza kubara zali zihali ? Ati ntazo nabonye. Bati ubwo uwatwaye infunguzo ni nde ? Ati ni Mugarura. Bati Gakunzi yongeye kuzibona ryali ? Ati hamaze kubara aboherejwe n'urukiko. Bati kuva ubwo kugeza ubu ntabwo wamenye aho kawa zagiye ? Ati ntabwo. Bati uwalariraga iryo duka rya Mugarura ni nde ? Ati ni Mugarura ubwe waharaga, bamaze no kumubalira yaharaye iminsi ibili kuwa gatatu turamubura ku manywa.

---

IKIZWA RY'URUBANZA.

Tumaze kubona ko mu Rukiko rwa chefferie Nyaruguru Mugarura yatsinzwe n°2844 rwa tarki 17.11.1952, akajulirira Urukiko rwa Territoire tarki 8.4.53 rukaburanishwa le ;
Uko rwumvise n'uko rwemeje urwo rubanza.

Tumaze kumva ko Mugarura yajuriye mu rukiko rwa Territoire, avuga ko yali umukozi wa Gakunzi amukorera mu mangazini.

Tumaze kumva ko mu kwezi kwa 10 muli 52 Gakunzi yaje kumubalira agasanga ahomba amafranga 550.
Tumaze kumva kò ayo 550 ali yo yemera rwose ko yali abuze aliko akavuga ko ubwo Gakunzi yavugaga ko habuze 2.900 frs., ubwo Mugarura ntabyemere ahubwo akajyana mu bandi ngo basubiremo. Twumvise ko aho abo yabyefetse basubiriyemo basanz habura 550 frs. gusa nkuko nawe yabivugagag , akavuga ko yabonye Gakunzi akomeje kumwaka amafr.2.900 akayamuhakanira, ubwo akanamubwira kwenda infunguzo z'amanganzini Gakunzi akazanga ngo keretse abanje kumuliha 2.900 frs.
Tumaze kumva ko hanyuma Gakunzi yagiye kumurega kwa Chef akavuga ko aho agarukiye yagambanye na s/chef Rucyahana akamufata bakajya kwa chef Kayihura. Twumvise ko aho bagereye kwa chef yabahaye abajyana nabo ngo akingure amangazini babare, bamenye ibibuze mu kuli.
Twumvise ko aho aboherejwe na chef babariye, basanze habura amafranga 7.844,75. Tumaze kumva ko ubwambere bataratera amahane yali yamuhaye amafr. 7.295, ubwo akavuga ko muli iryo bara Gakunzi yayahakanye rwose ko atayabonye. Tumaze kumva ko hanyuma baburanye, urukiko rwa cheffe - rie rugafata inka ze ebyili n'igare, ~~rugakaxGakunzi~~ rukabiha Gakunzi ubwo akavuga ko ibyo balibaga bimwe muli ibyo yali yarâbihaye Gakunzi mbere.

Tumaze kumva ko Gakunzi warezwe avuga ko Mugarura yali umukozi we koko Tumaze kumva ko Avuga ko tarki 1.10.52 aliho yabariye Mugarura muli ayo mangazini. Tumaze kumva ko avuga ko ubwe yabaze agasanga Mugarura ahombye amafr. 2.841 f ubwo akavuga ko yabimubwiye Mugarura ntabyemere ubwo akavuga ko yamuhaye igihe ngo yitonde abyisubiliremo, ndetse abarishe n'abandi.
Tumaze kumva ko hashize iminsi 2 abisubiramo kandi asubirishamo n'abandi aliko anakora muli iyo minsi yombi nkuko yarasanzwe akora. Tumaze kumva ko hanyuma y'iyo minsi atagize icyo amusubiza cy'uko yabonye ko ali byo bihomba koko cyangwa ngo amwereke niba hali ukundi yabibonye ahubwo ~~avuga~~ akavuga ko aho kugira icyo amumenyesha yamwibye imifuka itatu ya kawa/ yali muli iryo duka n'imyenda y'amabara n'imikara ya gitani.
Tumaze kumva ko bukeye ku cyumweru yabuze Mugarura umunsi wose akagaruka kuwa mbere mu gitondo, nabwo akicara ku iduka rya Munyambo. Tumaze kumva avuga ko aho amuboneye yamubajije icyatumye adakora, Mugarura akamusubiza ko adashaka gukora , ubwo akamubwira ko akingura iduka amuhe ibinti bilimo akabiha undi ubikoresha, ubwo Mugarura akabyanga akimana n'infunguzo. Tumaze kumva ko ubwo yagiye kubivuga mu rukiko rwa cheferie Nyaruguru rukamuhakanira ko rudashobora kuburanisha urwo rubanza. Twumvise kandi ko hanyuma yabibwiye chef Kayihura aje i Ndago, yatumira Mugarura agacika.
Tumaze kumva ko ubwo yacitse ajya Astrida bukeye akagaruka i Ndago afite igare lishya, nabwo Gakunzi amubonye abwira S/chef kumufata nabwo aracika. Twumvise ko ubwo yaje kubibwira Bwana Commissaire akamusubiza ko namubona azamufata. Tumaze kumva ko hanyuma yasubiye i Ndago yongera kuhamubona akabwira s/chef akamufata, ubwo akabohereza kwa Commissaire. Tumaze kumva ko bageze mu nzira Mugarura akanga rwose ngo keretse bamujyanye aho chef ali. Tumaze kumva ko aho agereye aho chef ali Gakunzi yabimubwiye, nawe akâbaza Mugarura ko atemera ko yahombye nk uko nyiriduka abivuga koko, amubaza n'uko adashaka kumusubiza ibintu bye, ubwo amusubiza ko yabitanga aliko chef ahali. Tumaze kumva ko hanyuma chef yamubajije abantu ashaka ~~ka~~ kubabalira ibyali mu iduka kuko atarafite umwanya wo kugira aho ajya, ubwo Mugarura akamubwira abo ali bo, chef akabandika ; u~~bwo Gakunzi~~Tumaze kumva ko aho abanditswe baziye Mugarura yakinguye ngo babare, ubwo Gakunzi agasanga imifuka 3 ya kawa n'imyenda y'amabara n'iy'imikara bidahali, akabivugira muli abo bantu ko Mugarura yasahuye iduka kandi ko ali nawe waliraragaho, ubwo Mugarura yabyumva akiruka abo ngabo batabaze n'ibyasigaye?
Tumaze kumva ko Gakunzi yamukurikiye akamusanga mu rukiko, noneho rukababuranisha. Twumvise yamureze 2841,25 frs, nuko yali yamukingiye iduka akimana infinguzo, n"amafr.6.730 yali yamuhaye yo kugura kawa.
Tumaze kumva ko ubwo urukiko rwandikiye s/chef Rucyahana, rwohereje n'ababuranyi bombi kugirango amangazini akingirwe, ubwo aboherejwe n'urukiko basanga habuze 7.841,25 frs., kuko urukiko rwali rwemeje ko kawa Gakunzi azitsindiwe. Tumaze kumva ko hanyuma urukiko rwamuhaye 2.800 frs hagasigara 5.041,25 frs. Twumvise kandi ko kuli ayo urukiko rwemeje ko Mugarura atsindiwe aho Migarura akinguliye amangazini ni ayo babonye abuze, bombi bashyizeho signatures na Mugarura ntabihakana.

Tumaze kumva ko abacamanza babajije Mugarura ko kuva umunsi Gakunzi avuga ko ahombye akanamubwira umubare hali ubundi yongeye gusubira muli ayo mangazini, ahakana rwose ko ntabwo byabaye keretse aho urukiko rwihereje abantu baje kubara kandi kugeza ubwo ali Mugarura ubwe wali ufite infunguzo. Tumaze kumva ko tarki 3.8.52 abacamanza bigiriye kuli uwo musozi kwibariza abakozi bahakora ko hali uburyo bazi bazi iby'izo kawa.
Tumaze kumva ko aho bahagereye ababajijwa bose bemeza ko bazi neza ko muli mili iyo minsi yaguraga kawa aliwe ufite umunzani muli ayo mangazini.
Tumaze kumva ko halimo n"abahamya rwose ko umunsi Gakunzi amubalira halimo imifuka 2 ya kawa balimo na Butegano wabandikiraga muli iryo bara.

Rwemeje ko Mugarura yali umukozi wa Gakunzi koko. Rwemeje ko tarki ya 1.10.1952, Gakunzi nyiriduka ali ho yagiye kubalira Mugarura umuko zi we. Rwemeje ko uwo munsi yamubariye akamubwira ko ahombye amafranga 2.841, hali abandi bantu. Rwemeje ko ubwo Mugarura atabyemeye ahubwo yemeraga ku bwo ko ahomba 550 frs. gusa. Rwemeje ko hashize Gakunzi yabonye Mugarura atemera ko habura nk'ibyo amubwira, yamuhaye umwanya utali muto kugirango abyisubiliremo, ashobora no kwerekana abo yizeye ngo babimurebere. Rwemeje ko aho aboneye uwo mwanya yagombaga kubisubiramo hanyuma yarangiza amenya ibibuze akaba ali we uza kubyereka Gakunzi wali wamuhaye igihe cyo kubyisubiriramo yitonze.
Rwemeje ko hashize iminsi 2 Mugarura agikomeje gukora umulimo nkuko byali bisanzwe, akora ku manywa, ni joro naho akaba ali we urarira ayo mangazini. Rwemeje ko hashize iminsi 2 akora, kuwa gatatu akabura rwose, ntaze ku mulimo. Rwemeje ko naho aziye atasubiye ku milimo ahubwo yigiriye ku lindi duka, hanyuma Gakunzi amubajije impamvu ituma adakora nkuko bisanzwe amusubiza ko adashaka kumukorera. Rwemeje ko ubwo amuhakaniye g gukora yamubwiye gukingura ngo barebe ibili mu iduka byandikwe, abihe undi, Mugarura arabyanga, ubwo byumvwa n'abantu.
Rwemeje ko hanyuma Gakunzi yaregeye chef Kayihura akumva amagambo yabo bombi, ubwo Mugarura akaba ali we wibwirira Chef amazina yabo ashaka abajya kubarebera ngo atange ibintu n'infunguzo bahali. Rwemeje ko bahage bahagezeMugarura yakinguye, Gakunzi akavuga ibindi byongeye kubura mo batarabara ubwo Mugarura akongera agakinga akabacika , ubwo hali habuze kawa n'imyenda. Rwemeje ko Gakunzi yagiye kubibwira urukiko agasanga Mugarura ali ho ali, ubwo urukiko rukababuranisha. Rwemeje ko mu iburana urukiko rwitumiye kuli s/chef n'abandi bakaba ali bo bakingura amangazini. Rwemeje ko kubyerekeye ibyo mu iduka, uretse kawa, ababaze basanze habuze amafr. 7295 Mugarura avuga ko yabariwe mu byabuze kandi yemeza ko yatanze atali ukuli kuko aho aboherejwe n'urukiko bamariye kubara, babonye habura 7.841,25 frs. Ali Gakunzi ali na Mugarura, bombi basinye ku mpamuro zanditswe n'abo urukiko rwohereje bikumvisha ko iyo abona ko ayo yatanze bayavanze n'ayo yahombye, atashoboraga gushyiraho izina rye, yemeza ko ahombye ayo yose.
Rwemeje ko mu Rukiko rwa chefferie Mugarura yemeye ko ayabuze ali 7.841,25 ndetse akemera n"uko azayariha, ahubwo bakava muli urwo rukiko hajuriye Gakunzi kuli 6.730 frs. ya kawa yali yarahaye Mugarura.

IRANGIZA RY'URUBANZA.

Twumvise ko no kubyerekeye urubanza n'amafranga 6.730 Gakunzi avuga ko yahaye Mugarura, muli chefferie Gakunzi yayatsindiwe. Rwemeje ko muli urwo rukiko abantu bemezaga ko basanzwe bazi neza ko Mugarura ahabwa amafranga, akagura kawa. Rwemeje ko mu ibalirwa rya Mugarura abali bahali bose bemeza ko kawa zali zihali mu iduka, bakemeza n'uko yakinze zigumye mu iduka. Rwemeje ko Mugarura yakoraga ku manywa, kandi bwira akaba ali we urara ku izamu. Rwemeje ko n'aho bamubwiriye ko ahombye, yakomeje gukora iminsi 2, ali we uralira, ali nawe wakomeje infinguzo n'umunzani yapimishaga.
Rwemeje ko n'igihe cyose Gakunzi yamubuze, yaburanye n'infunguzo kugeza umunsi Chef yoherereje abfungura. Rwemeje ko aho bafunguliye kawa zitari zikirimo ndetse n'imyenda imwe mi yali mu iduka, ubwo Gakunzi akabivugira aho? Rwemeje ko no kuby'izo kawa nazo Mugarura azitsindiwe. Rwemeje ko kuby'amafranga 7.841,25 Gakunzi yarishywe 2.800 frs gusa, hasigara 5.041,25 frs, niyo Mugarura azamuha, akamusubiza na 6.730 Fr ya kawa yamuhaye. Rwemeje ko Kabahaya wahanwe ku byerekeye kawa, atali akwiye kubihanirwa, ahubwo urukiko ni rwo rwagize umwete muke kubyo yababwiye, ntibagera kuli uwo musozi kugenzura iby'izo kawa. Rwemeje ko adakwiye

Rwemeje ko adakwiye gutanga igihano, yaba yaragitanze, akazayasubizwa.

Mugarura utsinzwe azatanga : 40 frs. ya inscription
100 frs. ya amende
320 frs. ya D.I.
474 frs. ya 4%
n'aya Gakunzi yose uko ali 11.771,25.

Azayatanga mu mezi atandatu, 200 frs. buli kwezi mu mezi atanu ya mbe mbere, kuva kuli uyu munsi ; ukwa gatandatu azatanga 1.771,25 frs

Ay'urukiko azayatanga mu kwezi kwa mbere, natayatanga azafungwa ukwezi / kuya Gakunzi kandi akava mu bintubye, n'indi minsi 7 C.P.C. na 15 S.P.S. ku gihano.

Rukirijwe imbere ya benshi mu Rukiko rwa Territoire à Astrida.

Urukiko ruzasubiza Kabahaya amafranga rwamuciye.

Astrida le 3.10.1953.

Juge : Ndwaniye sé/Ndwaniye
Assess. : Ngaboyisonga
Sarambuye
Greff. : Sebudandi.

Ntyemeye.

Tarki ya 9.11.1953.

Urukiko rugiye kurangiza urubanza rwa Mugarura na Gakunzi, amafranga Mugalura yagombaga gutanga le 3.11.1953 ; yagombaga kuyatanga, 200 frs, le 4.11.53 urukiko rumutumiye inka ya Mugarura xxMugalura rwali rwashinze Rusine, rutumira na Mugarura ; Mugarura yanga kwitaba kandi s/chef yarabimumenyesheje.
Urukiko rwemeje kuliha Gakunzi amafranga yagombaga kubona ; rutanze iy iyo nka ; abantu bayiciliye 2.500 frs, ruyiha Gakunzi ; ni mukara yapfushije ubuliza ; isa n'ifite amezi.

Bibereye mu rukiko rwa Territoire Astrida, le 9.11.1953.

Juge Ndwaniye sé/Ndwaniye
Gref. Kalisa sé/Kalisa.

- E. Ny. -

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.
RUANDA-URUNDI GEBIED

USUMBURA, le 7 Mars 1956.-

(1) N° 211/1.062.-

1156/A.I.
13-3-56

Réf. n° :

Annexe / Bijlage :

Objet / Voorwerp :

Dossier MUGARUKA.-

A Monsieur l'Administrateur de Territoire
de et à
ASTRIDA.-

Monsieur l'Administrateur de Territoire,

convoquer Mugaruka avec copie du jugement Trib. de Territoire.

Comme suite à votre lettre nº 980/A.I. du 2 mars 1956, j'ai l'honneur de vous faire tenir en annexe la copie demandée.-

POUR LE CHEF DU SERVICE DES A.I.M.O.
LE CHEF DU 1er BUREAU.-
H. GUILLAUME.-

(1) In het antwoord nummer en dagtekening vermelden.

- E. Ny. -

- COPIE -

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.

USUMBURA, le 2 août 1955.-

Nº 211/05246/2.110.-

TRANSMIS copie pour information et enquête à Monsieur l'Administrateur de Territoire de et à ASTRIDA.-

USUMBURA, le 2 août 1956.-
POUR LE VICE-GOUVERNEUR GENERAL,
GOUVERNEUR DU RUANDA-URUNDI,
p.o.
POUR LE DIRECTEUR DES A.I.M.O.,a.i.
LE CHEF DU 1er BUREAU,
H. GUILLAUME.-
Sé/ H. GUILLAUME.-

---

-COPIE -

Usumbura, le 20 juillet 1955.

Monsieur le Gouverneur,

J'ai un renseignement à vous demander :
3 têtes de bétail m'ont été enlevées. Une de ces 3 vaches ne m'appartenait pas. Je l'ai bien signalé au Tribunal, malgré tout, celui-ci ordonna quand même la saisie des trois vaches.
Est-il juste que cette troisième vache soit également enlevée alors qu'elle appartenait à autrui ?

J'aimerais aussi vous demander si le Tribunal est autorisé de mettre en vente une propriété dont je n'ai que l'usufruit. Mes excuses.-

C'est moi un désolé

MUGARUKA -

(coll.Mbasa )
(cheff. Nyaruguru)
(Terr.Astrida).-

- COPIE -

Usumbura, le 20 juillet 1956.

1955.

Monsieur le Gouverneur,

Je vous demande la faveur de vous adresser ces quelques mots: le 14 juin dernier, le Tribunal du Mwami n'a pas voulu recevoir mon affaire en appel. Il me fut signalé que les délais d'appel étaient expirés. J'ai eu beau expliquer que ce retard se justifiait; mais ma requête est restée vaine. En effet, j'avais antérieurement dû d'abord purger la peine de contrainte par corps qu'un autre tribunal avait ordonnée à ma charge. J'ai exhibé le billet d'élargissement, mais la décision du Tribunal du Mwami demeura inchangée.

Je viens solliciter votre autorisation pour que mon affaire soit entendue malgré l'expiration des délais légaux. Mon affaire a pour objet " la réclamation d'une dette de 14.000 frs" qui me sont dûs. Je suis en possession des reçus justifiant le prêt de cette somme d'argent. J'ai montré ces reçus au Tribunal du Mwami. Il me fut répondu que je n'avais qu'à trouver Monsieur le Gouverneur de la Province en vue de faire autoriser l'inscription en appel de cette affaire.

C'est moi un profondément désolé

MUGARURA

Mbasa
Nyaruguru
Astrida.-

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI

P.N. RUANDA-URUNDI GEBIED

RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE D'ASTRIDA

Astrida, le 2 mars 1956.
, de

(1) N° 980 /A.I.

Réf. n° :

Annexe
Bijlage :

Objet
Voorwerp :

Dossier MUGARURA.

A Monsieur le Directeur des A.I.M.O.
à
USUMBURA.

Monsieur le Directeur,

Suite à votre lettre n° 211/1043/477 du 3 février 1956, j'ai l'honneur de vous demander de vouloir bien me communiquer copie de la lettre 211/05246/2.110 du 2 août 1955 de Monsieur le Vice-Gouverneur Général, Gouverneur du Ruanda-Urundi.

L'Administrateur de Territoire, W. ANTONISSEN,

(1) Rappeler dans la réponse la date et le numéro — In het antwoord nummer en dagtekening vermelden.

-J./L./-
TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.

OBJET :

Dossier MUGARURA.-

7.2.56
567/A.I.

3 FEB 1956

Usumbura, le

N° 211/ 01043 /477.-

Monsieur l'Administrateur de Territoire
de et à
ASTRIDA.-

Monsieur l'Administrateur de Territoire,

J'ai l'honneur de rappeler à votre bonne attention ~~xxxxxxxxx~~ mon transmis n° 211/05246/2.110 du 2 août 1955 et vous saurais gré de bien vouloir y réserver une suite urgente.

POUR LE VICE-GOUVERNEUR GENERAL,
GOUVERNEUR DU RUANDA-URUNDI,
P.O.
LE CHEF DU SERVICE DES A.I.M.O.,
I. REISDORFF.

f.o. 1er Bureau

[signature]